Tuzamurane cooperative has benefitted a lot from this business. In collaboration with the Ministry of Agriculture and Animal resources, we have been capable to expand the plant premises and we bought vehicles to transport the fresh produce and processed products. Farmers are regularly trained and are provided with quality seeds free of charge.

We sell fresh pineapple at domestic market while dried products are exported. We have plan to expand our customer base to Europe, America and other parts of the world. Similarly, we started engaging domestic hotels to see if they could also buy our products. We call all the public to eat dried pineapple and dried inca berries. They are healthy and good food. Moreover, adding value to agricultural produce increases profitability on the side of the farmer. For instance, a kilogramme of fresh pineapple is sold at FRW250/kg whereas the one for dried pineapple is sold at FRW18,000/kg.

Product: DRIED PINEAPPLE



EXPORT MARKET FOR DRIED PINEAPPLES

Year	Quantity (kg)	Value in USD
2017	14,053	198,291
2018	22,238	313,778
2019	18,238	257,333
2020	11,120	156,903
2021	15,940	224,913

Source: Tuzamurane Cooperative

COOPERATIVE BACKGROUND

TUZAMURANE Cooperative was created in 2005 and acquired legal status in 2009; it a Rwanda Cooperative Agency (RCA)-registered cooperative. It is located in Gahara Sector, Kirehe District, Eastern province. It is owned by 141 cooperative members, including 59 (41.2%) women and 84 men (i.e.58.7%). The cooperative works with 114 organic certified pineapple (and golden berry) growers, who are also the suppliers. The cooperative is specialized in fresh organic pineapples and golden berry production for local markets (such as Inyange Industries in Kigali), and dried organic pineapples and golden berry for export.

The idea of producing pineapples organically (i.e with no use of chemicals such as mineral fertilizers, insecticides, etc) started in 2009, inspired by a visit of some of its members to Belgian exhibition where they met potential buyers who wanted organic pineapples. Following the exhibition meeting the cooperative switched to organic production and adapted pineapple drying mechanism. This project was completed in 2021 by the production of golden berry to be dried and exported together with dried pineapple.

THE COOPERATIVE WORK POSITIVELY IMPACT MEMBERS' LIVES AND THE COMMUNITY

- ✔ TUZAMURANE has been supporting small scale farmers especially women pineapple growers and local communities in general where it is located (in a remote poor area of Kirehe). Some examples of social and environmental impact include, but are not limited to: Creation of income generating jobs and development of pineapple value chain for poor farmers: People (especially youth) are working in the business. Total salaries are approximately USD 40,000 per year. Farmers supplying fresh pineapples receive money (estimated at USD 25000/year).
- ✔ Support to local community by providing drinkable water already in 3 villages around the site.
- ✔ Pre-financing to farmers when needed. So they can pay for their children's school fees and meet other basic needs (food, clothing, etc).
- ✔ Payment of Health insurance commonly known as Mituelle de Santé and Long Term Saving (locally called Ejo Heza) for all the members every year.
- ✔ Support to poor families in the community to build houses.
- ✔ Empowerment and capacity building: we provide, by all means, including financial ones, free technical assistance and agricultural training to farmers.
- ✔ Provided farmers agricultural tools to improve the quality such as plastic boxes for storing the raw materials.
- ✔ Trained and created awareness in environment protection. Also we provided eucalyptus tree plants to members. Training on organic farming which does not use chemical fertilizers.
- ✔ Training on Fair-trade.
- ✔ The project is environment friendly and aims to conserve the environment. We have a system of evacuation of the rest of the processing and we use them to make manure. Our processing unit does not cause any noise pollution as it uses environment-friendly technology, no dust, and all waste is organic. We trained employees on the use of machinery and procure garments necessary for their health protection.
- ✔ Now, we are collecting the money to start building a nursery school.
- ✔ Women social economic empowerment: Women in the area face particular challenges to participate actively in economic activities; and there is also less tradition and limited confidence to influence decisions that affect their lives both at home and in their community. However, we promoted women's participation (41% are women). In addition, we empowered them in leadership roles. We also took particular interest in training them on gender equality and women's empowerment, in good agricultural practices, giving them seedlings for free and buying raw materials from them.

ACQUIRING CERTIFICATION AGAINST FOOD SAFETY MANAGEMENT SYSTEM IS KEY IN PROMOTING SUSTAINABLE AND COMPETITIVE MICE PROGRAM IN RWANDA -TRIPATHI ANKUR, THE DIRECTOR OF OPERATIONS FOR RADISSON BLU HOTEL AND KIGALI CONVENTION CENTER

Thank you for considering to take your time to conduct this interview on the food safety. Myself Tripathi Ankur, I am the complex Director of Operations for Radisson Blu hotel and Kigali Convention Center. I joined this hotel in January 2022 but I have been working for Radisson Hotels Group for almost twelve (12) years. This is my eighth country and fourth continent I work in in matters of hotels operations. During my career, I have occupied positions that relate to food safety, from being a chef and moving forward to the Food and Beverages and thereafter coming to the hotel operations. I am from India and almost 14 years ago now, I left my country and have spent all those years travelling around different parts of the world in hotel operations duties, exploring different cultures and different countries, traditions, coaching staff and learning. That is what part of my life has been for almost 18 years working in hospitality industry.

Radisson Blu Hotel, Kigali has acquired certification from Rwanda Standards Board (RSB) against ISO 2022 Food Safety Management Systems (FSMS) and Hazard Analysis and Critical Control Points (HACCP). FSMS which is globally implemented specifically became virtually important when the COVID-19 hit the globe. That is the time when everybody really not even Radisson Blu, many other hotel groups really got woken up and alarmed to consider how dangerous the virus could be on the businesses. So, food safety became even. At Radisson Blu Hotels, we have a global food safety system and we work with global food safety companies on the



Tripathi Ankur, Director of Operations for Radisson Blu hotel and Kigali Convention Center.

global level we work with to implement our own food safety standards which are at international level too. But when you come to different countries and continents, as we are a global company, we have to implement the local food safety standards and measures as they overrule ours. It is important to follow standards and regulations of the country the business is in as it eases compliance and assessment of conformity to them. However, we do a countercheck and see if there is any kind of concern between the variation FSMS system and the FSMS system of the country. If the country's FSMS system is stronger, that will be implemented; and if the Radisson's is stronger, then we will implement the Radisson method to ensure the food safety on the first priority of the company.

And in terms of the certification on the global level, we have a partnership with the SDS, which is also a food safety including the whole safety and security of the property where it is not only the food safety is considered the entire building and each and every area of the building is considered in the SDS audit where there is two different categories.

One is just the basic one and one is the higher category, so we have the certification from that, and the second certification which you have is the safe hotel audit, which is also on the global level, which also includes each and every aspect of the

safety and security so it is very comprehensive and it is recognized on the global level certification. We have both of the certifications. When it comes to food safety management system, we always rely on the local bodies to certify us. So we stick to the local government and local policies and the local institution to get the certification. That's why here in Rwanda we are with Rwandan Standards Board to give us the certification and we have the certification from almost from the time the hotel has opened, we have the certification and what I have seen and what I have been told is that we continually kept improving our food safety management systems to ensure it delivers at the highest possible standards as is the goal for Radisson Blu Hotel. Also, the Government of Rwanda is very keen into food safety and quality service delivery to ensure the country realizes her aspirations to be a tourism and hospitality hub on the continent. This is quickly being achieved, undoubtedly.

In the hotel's day-to-day operations, we have established a food safety management system and we have trained our staff as food safety is part of the inner core responsibility of the Radisson Hotel Group. We put training our staff on food safety and food standards first. We have a hygiene manager here who plays the vital role, and we have also established a food safety management system team which is comprehensive of different people playing different roles and making sure that things are implemented on the ground and checking on the daily basis. The hygiene manager does internal checks every day, every week, he goes around into the areas where it is necessary, he puts attention to the management to ensure that everything is into place and into order, and we are very firm into implementing all these standards and we are committed to making food safety the heart of all what we do.

Our food safety management system also reaches our suppliers. In terms of suppliers, we have a dedicated purchasing department, we do visit the suppliers, we inform them about





complying with food safety requirements and we ask them what are certificates they have and we have their certificates on board. So our purchasing manager has the full list of the suppliers with their certificates, which certificates like those issued by Rwanda Standards Board, we ask them if they have the halal certificate (as our customers also

We are happy that many local suppliers have now come to understand our food quality and safety requirements and have qualified to supply the hotel.



include Muslims), we check if their certificates were not expired, suspended, etc. We follow up on their quality and safety records. We only use certified suppliers. We also conduct field visits to them to ascertain that what is on the certificates is also on the field. We check on cleanliness, hygiene and food safety systems are in place.

We are happy that many local suppliers have now come to understand our food quality and safety requirements and have qualified to supply the hotel. We now get many food items from local suppliers and we are happy that in Rwanda we get fresh and delicious food. We are still importing a few products but most of what we use here at Radisson Blu hotel we get from Rwandan suppliers and from the efforts of local farmers. The progress made is very appreciated.

Certification is actually valuable and plays a very vital role in running the business. As Rwanda is one of the biggest MICE (Meetings, Incentives, Conferences and Exhibitions) destination and going forward, they want to be the one of the best and number one, MICE in Africa. All the big companies and all the international brands, when they make bookings and they sign contract, they want to see, they have a questionnaire and they have the audits and they want to see one of the key factors, they want to see that you have the food safety management system certification or not if you do not have, they will not come, this is their corporate rule, like you can go to the sell oil company, or you can go to any big airline crews, or if you go to any like women deliver even any government institutions which are coming in, if you're having a big delegations trying to book, if you are signing a corporate agreement for the rooms and for the MICE, even in the contract it is written there, and many of the companies they do audits. They will come to the floor here and they will go around and walk around in the premises of the property before signing their contract, they want to see the heads up, and the FSMS certificate, if you don't have, they will not consider you as their destination to stay and do business.

So, having acquired certification against FSMS and HACCP is playing a vital role as it is helping us to get more and more business, especially when you are in Africa, which is the part many people from other continents lack information about and think it is under development, and many people are not aware of how wonderful and beautiful the place is, they may not feel safe to come to this destination and stay and spend time. So these certificates, if we did not have them, many of the companies would refuse to send their clients and their guests in our hotel.

We are doing the business as a global hotel company, our main motto is to support the local suppliers as much as possible and to even use the local ingredients as much as possible where it is and the global company we do that. So my message to all the local suppliers, please come and engage with us and, we will, for sure consider if you have the things which you can give a benefit to us and we can use it for sure, we will not let you down, but in terms of the quality and in terms of the quantity, we need to have the source, that is what is vitally important, especially in this part of the world, like today, you have the product and tomorrow you have the product, so if you can assure me the quantity, and if you can assure me the quality which will never be compromised, I am very happy to do business with you, and I think we are doing the business with most of the local supplies. We use the local ingredients and even we emphasize to use the local ingredients and create something raw for our customer. Because then when an international traveller comes to Rwanda, you need to have the feel of Rwanda, some things which you cannot get in other parts of the world, and you can only get in Rwanda.

So, if somebody is coming, we try to have a guest full experience of Rwanda, maintaining the quality and maintaining the hygiene system standard as possible. I went to the farmers. I was very happy to see the kind of fresh vegetables and the organic vegetables which the farmers grow there and that

you do not easily find in many other countries; and like almost of the vegetables, which I see here are very good quality and it is very organic and I love to use it like really fresh. Even when you drive out of Kigali, like instead you can get the things from the farms, this is really a God'sgift and you do not find in most of the places. So all the local supplies you are most welcome, come and give us a visit, let us know, how we can do business together. As an international company, the property looks very big, very huge and very nice, but you have very nice products too! The success of this property and the success of Rwanda is all based on you guys, and you are the backbone.

For the global and international businesses, I want to tell that you are welcome all of the global business for business people, come explore, visit Rwanda. It is a beautiful, amazing country. It is a gem to visit and a place not to miss and as a destination, as a venue. We have all the highest quality of standard, which you are expecting in different locations in a five star hotel, we have all the facilities for making your stay as comfortable as possible and making your meetings being successfully held and going with your meetings and planning your meetings with us let us know come here visit our place it is one of the best destinations and soon Rwanda after doing the successful CHOGM, we will be on the top of the world and we will be the top destinations in Africa for MICE business.



UBUZIRANENGE BW'IBIRIBWA NI INZIRA YOROSHYE ARIKO IKOMEZA, BISABA GUSHYIRA MU NGIRO AMABWIRIZA Y'UBUZIRANENGE UKAYAGIRA ISHINGIRO RY'IBYO UKORA - SINA GERARD/ENTREPRISE URWIBUTSO



Bwana Sina Gerard, uwashinze akaba n'umuyobozi mukuru w'Uruganda Enterprise Urwibutso ashyishyirizwa igihembo mpuzamahanga cy'ubuziranenge | London 2011.

Mu rwego rwo gukomeza guteza imbere ubuziranenge bw'ibiribwa n'ibinyobwa, Rwanda Standards Journal yaganiriye na Bwana Sina Gerard, uwashinze akaba n'umuyobozi mukuru w'Uruganda Enterprise Urwibutso maze atuganirira ku urugendo rw'ubuziranenge uru ruganda rwanyuzemo kugira ngo rubashe kuba ikimenyabose mu Rwanda no hirya no hino ku isi mu gutunganya

ibicuruzwa byujuje ubuziranenge kandi byishimirwa n'abaguzi. Soma ubuhamya bukubikira twahawe na Bwana Sina Gerard bukubiyemo amakuru n'impanuro ku bandi batunganya ibiribwa.

Murakoze kudasura, twishimiye kubakira kuri Nyirangarama, mu Karere ka Rulindo, mu majyaruguru y'igihugu cyacu, aho dukorera ibikorwa binyuranye ariko bishingiye ku buhinzi n'ubworozi, bikongererwa agaciro kugira ngo dushobore kubigeza ku masoko yo mu gihugu no hanze yacyo ku migabane itandukanye (Afurika, Aziya, Uburayi na Amerika), hose ibyo dukora bigerayo.

Turashimira itangazamakuru ry'imbere mu gihugu cyacu ndetse n'itangazamakuru mpuzamahanga kuko bazi kumenya ibishya ku isoko, bigezweho, ibintu byujuje ubuziranenge, bakabitangaza. Televiziyo zirimo CNN, France 24 bose baradusura. Twabonye ibihembo bitandukanye haba imbere mu gihugu n'ibindi mpuzamahanga kandi byose bishingira ku buziranenge bw'ibyo dukora. Natwe twiyemeje gukomeza gukora ibikenewe byose kugira ngo ubuziranenge bukomeze kuba ubuziranenge; biri mu nshingano zacu duherereye mu gutegura umurima, mu guhinga, mu gusurura twita ku buziranenge dore ko byose tubifashwamo n'Ikigo cy'Igihugu Gitsura Ubuziranenge (RSB) muri gahunda yabo ya "Zamukana ubuziranenge".

Kuva dutangiye gukora no guteza imbere ubwiza bw'ibyo dukora, twakoranye urugendo rw'ubuziranenge na RSB; iraduhugura, itugira inama, ikadupimira ibicuruzwa byacu, ikadufasha kuzuzanya ibipimo ndetse n'iyi tugiye mu mahanga, dukorana n'ibindi bigo by'ubuziranenge bikatugira inama z'ibyo bakenera ku isoko ryaho maze tukegera RSB ikatugira inama z'uko twabyuzuzanya kugira ngo twubahirize ibindio byihariye bishobora kuba bisabwa ku masoko yaho. Duterwa imbaraga n'uko ubuyobozi bw'igihugu cyacu budutoza kwihesha agaciro, tunozza umurimo w'ubuhinzi n'ubworozi kuko ibyo dukuramo tubyohereza mu nganda.

Njyewe Sina Gerard, umuyobozi wa Entreprise Urwibutso, ntangirira ubuziranenge ngitegura umurima cyangwa se mu bworozi, ngakomereza mu nganda zanjye, tukinjira mu bucuruzi mu maguriro dufite hirya no hino mu gihugu kugeza mu ngo kandi byose mfatanya n'umuturage, amakoperative, inzego za Leta, mbese twese turuzuzanya.

Muri Entreprise Urwibutso, dukora produits zuzuzanya umuntu haba mu rwego rw'ubuzima no mu rwego rw'ubukungu.

Twihaye intego ko buri mwaka muri Entreprise Urwibutso habonekamo agashya (innovated new product), kandi bikajyanirana n'amazina twita ibicuruzwa dutunganya, twita cyane ku guteza imbere ibikorera mu Rwanda (Made in Rwanda).

Muri ibyo dukora harimo Urwibutso (amandazi), agashya (umutobe) ari nabyo bigurwa cyane, harimo imitobe ikoze mu matunda, mu nanasi, inkeri, imizabibu, karoti, ibisheke...

Dukora kandi divayi mu bitoki, no mu mizabibu kuko twakoze ubushakashatsi dusanga imizabibu yera cyane mu Rwanda.

Dukora akabanga(urusenda) gakoze mu bihwagari no mu mavuta ya Elayo kandi turwongerera agaciro mu kurubika(conserver) ari nabyo bituma turwohereza mu bindi bihugu. Akabanga gafite ikirango cy'ubuziranenge cya S-Mark ndetse n'icya "Halal" cyiba cyifuzwa cyane ku bicuruzwa bishyirwa ku masoko y'abayisilamu; kakaba gakunzwe ku isi yose kubera ubwiza bwako no kuzuzanya ubuziranenge bwa "ISO" aricyo cyemezo cy'ubuziranenge mpuzamahanga ku isi yose kandi n'ibindi byose tubikora neza kugera kuri etiquettes.

Dufite kandi ifu (Akanoze), amata, yougurt, amavuta akomoka ku nka, amatamati (ketchup), amazi (Akandi), ibisuguti(Akarabo), Agashya(agato n'akanini), umuti usukura ibiganza (hand sanitizer) witwa Akingenzi, Akagufu(ikawa) ndetse n'isabune yo gukaraba intoki, koza imodoka n'ibikoresho byo mu gikoni. Mu guhanga ibi bicuruzwa twita cyane ku bizakenerwa n' iby'iciro byose (abana, abakuru...)

Tumaze kugera ku bicuruzwa 33 (26 bfitwe ibirango by'ubuziranenge, naho 7 biri mu nzira zo kubihabwa). Ikindi cyo kwishimirwa gikomeye ni uko nta gicuruzwa cya Entreprise Urwibutso





kiratakaza ikirango cy'ubuziranenge kuko umwimerere tuwukomeraho kugira ngo turangwe n'imikorere myiza cyane ko na RSB iduha service nziza igihe hari ibyo dushaka guhindura cyangwa kongerasha bigatuma ibicuruzwa bya Entreprise Urwibutso bikomeza gukundwa ku isoko. Ikindi ni uko duhora duharanira kumenya icyo abaguzi bashaka natwe tukaba ari cyo twibandaho.

Kubera kubahiriza gahunda ya RSB ya Zamukana Ubuziranenge, Entreprise Urwibutso yagiye ibona ibihembo bitandukanye mumamurikagurisha atandukanye ndetse n'ibihembo by'umukuru w'igihugu cyacu Nyakubahwa Paul Kagame. Twabonye ibihembo mpuzamahanga: 2 byo mu Budage, 1 cyo mu Bwongereza (Innovation muri 2012), icyo muri Amerika kubera ibicuruzwa byuzuje ubuziranenge ndetse icyo mu Budage cyo twagihereye ko ibicuruzwa byacu bitajya bihindura umwimerere.

Ubuziranenge ni urugendo ruganisha ku byiza n'iterambere rirambye. Abataragana inzira

y'ubuziranenge akenshi usanga bahora mu bwoba bumva ari ibintu bidashoboka, bikomeye kandi bibangiriza amafaranga gusa. Ibi sibyo, ahubwo kutagana ubuziranenge ni ugugta umwanya wawe no kwidindiza mu iterambere. Turashishikariza bagenzi bacu bakora mu cyiciro cy'inganda kugana RSB ikabaha umurongo kabone niyo baba batarabageraho kuko bagufasha ugitangira, hari aho ugeze, mbese urwego urwo waba ugezeho rwose kuko iyo wujuje ubuziranenge uba wizeye ko business yawe izaramba, ko utazasubira inyuma.

Entreprise Urwibutso yanditswe mubitabobya Leta guhera 1993, mbere byari ubukorikori, twatangiriye ku mandazi. Ndashimira itangazamakuru uburyo dukorana neza tugaragaza ibyo dukora cyane cyane udushya, bakatumenyekanisha.

Uruhare rwa serivisi z'ikigo cy'ubuziranenge rutuma ibicuruzwa bya Entreprise Urwibutso byizerwa n'abaguzi haba haba ku masoko y'ibere mu gihugu ndetse no hanze yacyo. Twishimira ko igihe tugiye ku masoko mpuzamahanga bashima ubuziranenge bwabyo kandi ntibabusanywe n'ibisubizo biba byavuye muri gupimisha tuba twakoresheje muri laboratwari zo muri RSB. Ibyo bigaragaza ko mu gihugu cyacu dufite imashini zipima ubuziranenge zigezweho, zijyanye n'igihe.

Ubuziranenge bw'ibiribwa ni inzira yoroshye ariko ikomeza, bisaba kubugira ishingiro ry'ibyo ukora.



Mu kwishimira urugendo tumaze gukora tuzamukana ubuziranenge, natwe nka Entreprise Urwibutso twishimira gufasha abandi. Tubona amakoperative yaje mu ngendoshuri muri Entreprise Urwibutso, ndetse tunakashimishwa no gusangira nabo amakuru n'ubumenyi kuko mu rwego rw'inganda amakuru ni ikintu cy'ingenzi cyane. Bose turabakira, twashyizeho serivisi ishinze kwakira ibigo bitandukanye biturutse hirya no hino mu gihugu biza mu rugendoshuri muri Entreprise Urwibutso. Byaba ibigo by'amashuri yisumbuye, za Kaminuza, amashuri y'ubumenyi ngiro; haba abatwubakira mu gihugu no hanze yacyo bese turabakira kuko tuba dukeneye gutanga umusanu dusangiza abandi ubumenyi ndetse nabo bakadusangiza ubundi. Kuri ubu, dufite za kaminuza eshatu zo muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika zitwoherereza abanyeshuri mu rugendo shuri buri mwaka. Amarembo arafunguye kubifuzaga kutugana, baza kwiga ibyo dukora no kutugisha inama.

Kuri ubu, natangiye kwandika igitabo, kugira ngo tuzabike amakuru azafasha abakiri bato mu gihe kizaza muri uru rugamba rwo gutunganya ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi kandi byujuje ubuziranenge.

INYUNGU Z'UBUZIRANENGE NI ITERAMBERE RIGERA NO KUBATURIYE AHO IBIKORWA BIBARIZWA

Mu rwego rw'imikoranire myiza n'inzeho z'ubuyobozi bw'igihugu cyacu no gutuma abaturage barushaho kugerwaho n'ibyiza bya Entreprise Urwibutso, ariko kandi tunagira uruhare mu iterambere ry'igihugu cyacu, twashinze ikigo cy'ishuri "College Fondation SINA GERARD" kugira ngo dutange umusanu mu burezi bw'igihugu cyacu. Dufite kuva ku ishuri ry'inshuke kugera ku mashuri yisumbuye ndetse turi no mu rugendo rutuganisha kuzashinga ishuri rikuru. Bose hamwe dufite abanyeshuri 2174, muribo 785 bishyurirwa cyangwa biga ku buntu. Mu mashuri y'incuke n'abanza abana ntibishyura amafaranga y'ishuri kandi ubushobozi tubukura

mubyo dukora bikagurwa n'abanyarwanda, bityo tugakora uko dushoboye kugira ngo hatazagira umwana ukomoka uri aka gace unanirwa gusoma no kwandika.

Turashima MINEDUC yaduhaye amashami twari twayisabye: Ubuhinzi, ubworozi, gutunganya ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi, gutunganya imisatsi, ubudozi, ubwubatsi, ububaji, gusudira n'ubukanishi akaba ari nabyo twabonye byazatuma abana bize muri College Fondation SINA GERARD batawubakira akazi kandi twishimira ko abana batsinda neza. Abana biga 50% amasomo asanzwe, 50% bakabimara bashyira mu ngiro ibyo bize kugira ngo bagire ubumenyi buhagije mubyo biga kuko cyane cyane nko mu gihe cya COVID 19, byaragaragaye ko ubuhinzi n'ubworozi bufiteye isi yose akamaro. Muri College Fondation Gerard, dufite umunyeshuri uturuka muri buri karere k'igihugu cyacu aribyo bitanga ikizere ku hazaza h'igihugu cyacu.





ituba hafi mu gikorwa twiyemeje cyo gutanga umusanzu mu burezi bw'igihugu cyacu, n'abandi bafatanyabikorwa nka Kiliziya Gaturika batuba hafi.

Mu gusoza, turashishikariza ababyifuza ko baja batugana, tukabasangiza ubumenyimubyodukora. Turashima byimazeho itangazamakuru rikomeje kugira uruhare mu kumenyekanisha ibicuruzwa bya Entreprise Urwibutso ndetse n'ibikorera mu Rwanda muri rusange. Turashishikariza abanyarwanda n'abanyamahanga kwitabira gukoresha ibicuruzwa bikorwa na Entreprise Urwibutso kuko biba zuzuje ubuziranenge .

Twese dukomeze gufatanya duteza imbere ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi bityo dutange umusanzu mu kwiyubakira igihugu.

Murakoze

Dufite ikibuga cy'umupira ahakinira ikipe y'amaguru niy'imikino ngororamubiri kandi bahagaze neza kuko batangiye no kuja mu marushanwa hanze y'igihugu.

Kugera kuri byose bishingira ku bufatanye bwa twese baba abaturage, abakozi, inzego z'ubuyobozi n'abafatanayabikorwa batandukanye. Ndashima Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda, ibi byose tubikora kuko haba hari umutekano, dukora amasaha 24/24, ndashimira Umukuru w'Igihugu byose uhora abiharanira, ndashimira Urugaga rw'Abikorera mu Rwanda ruhora rudushakira amakuru hirya no hino, aho dushobora gucuruza ibicuruzwa byacu, cyangwa tuja mu ngendoshuri, ndashimira Ikigo cy'Igihugu cy'Iterambere (RDB) kituzanira abashoramari banyuranye, ndashimira Minisiteri y'Ubucuruzi n'inganda (MINICOM) ikomeza kudushakira amategeko agenga imikorere myiza, kuduha n'inzego zindi zinyuranye, ndashimira MINEDUC



KUBAHIRIZA AMABWIRIZA Y'UBUZIRANENGE AREBANA N'AMATA N'IBIYAKOMOKAHO BYAFASHIJE URUGANDA BLESSED DAIRIES GUTERA IMBERE

“Ubuziranenge busaba ubufatanyabikorwa si ugukwepana!”-Milton NGIRENTE

Amata n'ibiyakomokaho ni ingenzi cyane mu buzima bwa buri muni kuko byifashishwa n'abantu benshi kandi bikaba byanagira ingaruka mbi mu gihe ubuziranenge bwabyo butitaweho. Akenshi, twifashisha amata cyangwa ibiyakomokaho haba ku ifunguro rya mugitondo, irya ku manywa ndetse n'irya nimugoroba. Amabwiriza y'ubuziranenge ku mata n'ibiyakomokaho yakunze kugarukwaho kenshi mu gihe abaguzi baba binubira ibicuruzwa bitujye ubuziranenge cyangwa bakemanga kudohoka ku buziranenge. Uruganda Blessed Dairies Ltd ruri mu nganda zashyize imbere kubahiriza amabwiriza y'ubuziranenge ku mata n'ibiyakomokaho, ndetse runubakira ku gushyira mu bikorwa amabwiriza y'ubuziranenge arebana no gutunganya ibiribwa no kubungabunga ubuziranenge bwabyo. Umuyobozi w'uru ruganda ahamya ko ubuziranenge bwababereye ibanga ryo kugera ku iterambere.

Bwana Milton Ngirente, umuyobozi w'uruganda Blessed Dairies Ltd, ruherereye mu karere ka Gicumbi, mu murenge wa Cyumve, ku mupaka wa Gatuna agaragaza ko Uruganda Blessed ari uruganda rutunganya amata ndetse n'ibiyakomokaho harimo: butter, fresh cream, foromaje zo mu bwoko bwa mozarella, yawurute n'ikivuguto. Bwana Milton ati:

“Mbere yo gushinga uruganda twacuruzaga amata tuyavana mu ntara y'amajyaruguru



*Milton NGIRENTE, umuyobozi w'uruganda
Blessed Dairies Ltd*

tuja kuyacuruzza mu muji wa Kigali, ariko rimwe na rimwe tukagira ikibazo cy'imvura bigatuma dutanga serivisi mbi mu borozi. Muri 2011 twatekereje icyakemura ikibazo dusanga dushinze uruganda twajya dukora ibicuruzwa igihe kirekire. Twatangiriye kuri yawurute, ikivuguto na foromaje.

Mbere yo gukora produit ya mbere negereye RSB bansaba ko nagenda ngakora impagararizi (sample) nkazabazanira hanyuma bakazansura bamaze kuyisuzuma. Maze kuyikora narayitwaye barayipima, barayishima, bambwira ko ifite ibisubizo byiza cyane bampa icyemezo cyo



gupimisha (test report) bananshishikariza gusaba ikirango cy'ubuziranenge cya S-Mark). Kubera ko narinsanganywe isoko muri Kigali rinsaba nubundi kwita ku buziranenge bw'amata asanzwe, byaramfashije bituma nitwararika. Ikindi inyubako twari twazubatswe zirimo n'imashini, n'ibindi bikoreho byabugenewe. Twatangiriyiye ku bushobozi bwo gutunganya litiro 1200 ariko uruhererekane rw'ibikorwa byo kuyatunganya ngo havemo ibicuruzwa dushaka twari twayiteguye. Ikindi twatangiye dufite inzobere zize ibijyanye no gutunganya ibiribwa (food science) zari zifite uburambe kugira ngo tudatangira duhuzagurika.

Ibyo twasabwe kwitwararika rero ndanabishishikariza inganda nto n'izicirirtse zaba izitunganya ibyo dutunganya cyangwa ibindi biribwa. Twasabwe kwitwararika isuku k'ukama, ku bikoreho akamiramo, mu kiraro, mu gicuba cy'abacunda ku ikusanyirizo, n'ibindi.

Mbese amata hejuru ya 90% ubuziranenge bwayo bushingiye ku isuku.

UBUZIRANENGE BUSABA UBUFATANYABIKORWA SI UGUKWEPANA

Tugitangira, Ikigo cy'Igihugu Gitsura Ubuziranenge (RSB) twabafashe nk'abafatanyabikorwa, twumva hari inama bazajya baduha nk'ikigo gifite ubuzobere mubyo twari tugiye gukora, tugira amahirwe mu nzira yo gushaka ikirango cya S-Mark, Ikigo cy'Igihugu cy'iterambere (RDB) kidutangira 50% maze RSB ituba hafi cyane, ibyo twakoze neza bakatubwira n'ibyo tugomba gukosora bakabitubwira.

Nyuma bagaruka bakareba uko bimeze bakatubwira icyo dukosora, bagatwara impagararizi kugira ngo barebe ko ibyo bari batubwiye byakosotse. Mu mpera z'umwaka

twatangiriyemo uruganda nibwo twabonye ikirango cya mbere.

Ikirango cya S-Mark tumaze kukibona cyadufashije kugirirwa icyizere n'abaguzi. Hari amasoko afite ibyo asaba kandi icya mbere ni ikirango cy'ubuziranenge: twabashije kwemererwa gucuruza ibicuruzwa byacu mu mahoteli, amaguriro manini n'ahandi. Ikindi, S-Mark ituma ugira icyizere cy'uko ibyo ukora ari byiza, bikagufasha kumenya ibyo ubura cyangwa ibyo wakosora, bityo ukubaka uruganda rugakomera.

Kubona ikirango cy'ubuziranenge byadufashije gukura, twongera umusaruro w'ibyo dukora ku buryo kuva mu mwaka wa 2012 tumaze kwikuba n'inshuro zirenga 5 cyangwa 6 ubushobozi twatangiriyeho. Tumaze kubona akamaro ikirango cya S-Mark cyari kitugejejeho, twaryohewe n'ibyiza by'ubuziranenge maze dukomereza ku kirango cyisumbuyeho cya HACCP (Hazard Analysis Critical Control Points). Kubona iki kirango nabyo byatuzamuye mu ntera ku masoko manini ari mu gihugu asaba ikirango cya HACCP. Biduhesha ishema ku buryo ibicuruzwa byacu biri mu byakoreshejwe hakirwa abashyitsi bitabiriye inama y'Abakuru b'ibihugu na za Guverinoma ya CHOGM u Rwanda ruherutse kwakira. Hari umwe mu bantu batuzi wari witabiriye iyo nama aratangira cyane ati: "burya n'ibicuruzwa byanyu byageze ku rwego nk'uru!"

Amahirwe yo kugera ku masoko akomeje kwiyongera. Tubona abadusaba kubagezaho ibicuruzwa byacu bari mu bihugu nka Kenya, Ghana ariko kubera ko tutarahaza isoko ry'imbere mu gihugu, ntabwo twatangira kohereza ibicuruzwa hanze y'igihugu. Mu gihe gito tuzaba twamaze kwagura uruganda kugira ngo twongere umusaruro bizadufashe kujya ku masoko yo hanze cyane ko dufite n'ikirango cy'ubuziranenge cya HACCP gisabwa kuri ayo masoko mpuzamahanga.

Mu rugendo rw'ubuziranenge twigiyemo byinshi

kandi twungutse byinshi. Abagitinye kwinjira mu rugendo rw'ubuziranenge bibwira ko bidashoboka turabasaba gutinyuka nk'uko umushoferi aya mu muhanda yitwaje ibyangombwa bisabwa na polisi, nushinga uruganda agomba kwegera RSB bakamubwira ibisabwa. Ariko RSB murafatanyaga kandi ibirango by'ubuziranenge bikuzamura mu ntera bigatuma ugera ku masoko manini. Kuba twarabikoze bigakunda n'abandi birashoboka. Ubu hari abana benshi bize ibyo gutunganya ibiribwa mu masuri makuru na za kaminuza babafasha. Kuri ubu dufite abakozi 67 bahoraho, amata ava mu makoperative abarizwa mu karere ka Gicumbi, dutunganya litiro 10,000 ku muni. Turateganyaga kongera ubushobozi kugira ngo natwe dufatanye n'izindi nganda kugeza ku baturarwanda ibicuruzwa by'amata n'ibiyakomokaho byujuje ubuziranenge kandi bihagije.

Mu gihugu cyacu, hamwe n'imiyoborere myiza hashyizwe imbaraga mu guteza imbere urwego rw'abikorera. icyakora haracyari imbogamizi zerekeranye n'ubushobozi bwabafasha kwagura ibyo bakora. Amabanki n'ibindi bigega by'ishoramari byadufasha kubona inguzanyo z'igihe kirekire ku nyungu ntoya kubera ko inyungu ku bikorwa mu nganda nazo ziboneka mu gihe kirekire. Twiteguye gukomeza gukora ibishoboka byose kugira ngo dufatanye n'abandi guteza imbere igihugu binyuze mu byo dukora.



GUTSURA UBUZIRANENGE BYAFASHIJE URUGANDA CETRAF LTD KWAGURA IBIKORWA NO GUHANGA IMIRIMO KURI BENSHI



Gushora imari mu gutunganya no kongerera agaciro umusaruro ukomoka ku buhinzi n'ubworozi bisaba kwiyezeza kugeza ku baguzi ibyujije ubuziranenge kandi ukiyemeza gukora urugendo rukuganisha ku iterambere. Bisaba kandi kureba amahirwe akwegereye ndetse byaba ngombwa ugatera ijisho kure yawe ugatekereza uko wabyaza umusaruro amahirwe aboneka ahandi.

Urugendo rw'ubuziranenge ku ruganda CETRAF Ltd rwatangiranye no kugira igitekerezo, kugishyira mu bikorwa ariko batarasobanukirwa ibijyanye n'amabwiriza y'ubuziranenge. Ibi byahombeje uruganda byinshi: kuva ku gukora ibinyobwa bitujuje ubuziranenge byangizwaga n'abashinzwe ubugenzuzi bw'ubuziranenge, kuba

abaguzi batarabashaga guhita bagirira icyizere ibinyobwa kuko bidafite ikirango cy'ubuziranenge, ndetse ibi byose bigatuma ibikorwa byo kongera umusaruro ku ruganda bigenda biguru ntege. CETRAF Ltd yagannye inzira y'ubuziranenge, byose birahinduka. Kuri ubu, ni uruganda rukomeje kwagura ibyo rukora, rukora ibicuruzwa byahawe ibirango by'ubuziranenge kandi rufite icyerekezo cyo gukora cyane rukazahinduka uruganda rw'icyitegererezo mu gihugu no mu karere mu gutunganya ibinyobwa bikomoka ku bitoki, tangawizi ndetse n'ibindi bihingwa.

Bwana Nehemiya Ntuyahimana, umuyobozi ushinze gutunganya ibinyobwa mu ruganda CETRAF Ltd ahamya ko gukora bashingye ku mabwiriza y'ubuziranenge byabafashije kunoza imikorere yabo. Akomeza asobanura byimbitse icyo byahinduye:

"Gukora dushingiye ku mabwiriza y'ubuziranenge byahinduye byinshi. Uhereye ku aho dukura ibiyifashishwa by'ibanze dukenera, dufite abatugemurira twasinyanye nabo amasezerano kugira ngo nimba dufite icyifashishwa cy'ibanze tubashe kukibona kandi tugenzure ubuziranenge bwacyo.

Mbere twatangiyeye dukorana n'umuntu ku giti cye tugirana amasezerano ariko biza kuba ngombwa ko abo batugemuriraga bishyira hamwe bakora koperative, iyo koperative ubu niyo dusigaye dukorana. Dukenera umusaruro akenshi bitewe n'uko umusaruro w'ibitoki wabonetse ungana, ariko mu kwezi dushobora kubona nk'ibitoki bingana na toni ijana. Mbere twatangiyeye turi abakozi icumi (10) ariko ubu tugeze ku bakozi magana ane na makumyabiri (420). Twatangiyeye



amabwiriza y'ubuziranenge tutayubahiriza neza uko bikwiye ariko biza kuba ngombwa ko nyir'uruganda ashaka abakozi babyigiye bafite ubumenyi kugira ngo bajye bafasha abandi bakozi bakora imirimo itadnukanye mu kubahiriza ibisabwa mu buziranenge. Uko tubikora kuri buri kinyobwa dukora kiba gifite ibwiriza ry'ubuziranenge tugomba kubahiriza ,aho baba bakwereka uko ikinyobwa giteye, ingano ya arukoro igomba kubsmo, uko ubusharire bugomba kungana, mbese ukagenda wubahiriza ibwiriza ry'ubuziranenge ndetse n'abakozi bakakugaragariza niba hari umukozi ugomba gupimishwa kugira ngo bamenye ko nta ndwara zanduza afitte kugira ngo bitaba intandaro yo kwanduza bagenzi be cyangwa kwangiza ubuziranenge bw'ikinyobwa. Mu byo dukora byose haba hari ibwiriza ry'ubuziranenge rituyobora kandi ridufasha.

Ni inzira yubatswe neza kandi duherekezwamo n'Ikigo cy'Igihugu Gitsura Ubuziranenge (RSB).

Kiradufasha cyane kuko baduhugurira abakozi ndetse byaba ngombwa natwe tukabatumira bakaza kudufasha gusobanukirwa n'ibwiriza ry'ubuziranenge ,noneho natwe tukabasha kubishyira mu ngiro.

Muri icyo nzira yose hari ibyo twitwararika, cyane cyane nko kugenzura ubuziranenge bw'ibitoki cyangwa ikindi kigiye gutunganywamo ibinyobwa, aho twakirira umusaruro wacu tuba dufite ifishi aho twandika ibyujije ubuziranenge n'ibitujije ubuziranenge . Urugero nko ku bitoki tureba niba byeze neza, bitangiritse, tukajonjoramwo ibyaboze , n'ibindi.

Tureba ibyujije ubuziranenge tukabyandika tukabibika noneho ibitujije ubuziranenge tukabishyira ku ruhande . Iyo ibitoki bimaze kuboneka tubitoranyamo dukurikije ingano yabyo noneho tukajya kubitara mu rwina, twamara kubitara tuba dufite igikoresho gipima ubushyuye kugira ngo tumenye ngo ibitoki

tubitaze ku bushyuhe bungana iki? Ibitoki bihira ku minsi itanu; nyuma y'uko bishya turabitorora tukabishyira mu mashini zibyenga byamara kwengwa tukabona umutobe, tukawufunguza amazi hanyuma tukawuteka ariko mukuwuteka umutobe dupima ubusharire tukamenya ingano y'isukari irimo mukuwuteka nabwo tuba dufite ikigero tuwutekaho kugira ngo tumenye neza ko za mikorobe zishobora kubonekamo cyangwa nimba hari ikindi cyawanduje cyose cyapfuye. Ibyo byose tubipima dukoresheje terimometeri tukagenda dupima kuri buri kintu cyakorewe mu gihe kimwe kugira ngo tumenye yuko ikigero cy'ubushyuhe cyagenwe mu kwica mikorobe cyagezeweho; noneho kugira ngo tumenye neza ko za mikorobe zapfuye dufata umutobe tukawupimisha muri laboratwari bakaturebera ko za mikorobe twatecyerezaga ko zirimo zapfuye, umutobe wamaze gutekwa tukajya kuwutara, mu kuwutara rero nibwo twongeramo ifu y'amasaka yatunganyijwe neza, iyo inzoga tuyitara igihe cy'ukwezi iyo itaze tugenda dufata ibipimo kugira ngo turebe ko ibwiriza ryubuziranenge twiyemeje tugomba kubonamo arukoro ryagezeweho noneho tukagenda dupima twasanga ryagezeweho tukayarura tukajya kuyipfundikira, tukanitegura kuzigemura tuzigeza ku baguzi.

Abaguzi bacu bari hirya no hino mu gihugu. Dufite imodoka z'uruganda zigeza ibinyobwa ku banyamadepo dukorana tukabashyikiriza ibinyobwa byacu kuri depo zabo.

Urugendo rw'ubuziranenge rwaradufashje cyane kuko iyo umukiriya yamaze kumva ko ikinyobwa gifite ubuziranenge akinywa afite icyizere cy'uko nta ngaruka cyamugiraho ku buzima. Uko twagendaga rero dukorana n'ikigo cy'ubuziranenge n'abakiriya bacu bagendaga babyumva bikadufasha kwagura amasoko kuko barushagaho kutugirira icyizere.

Hari igihe umuntu ashobora gukora icyinyobwa cyujuje ubuziranenge cyigasohoka muruganda cyujuje ubuziranenge mukugitwara ariko cyikaba cyatakaza ubwo buziranenge cyangwa

no kubanyamadepo bakaba babutakaza bityo ugasanga umuguzi wawe cyimujyezeho cyitakimeze neza. Mu kwirinda izi mbogamizi ku gapapuro kariho amakuru aranga ikinyobwa dushyira ku macupa haba hariho uburyo ugomba kukibikamo, uburyo ugomba kukinywa, abemerewe kukinywa, abatabyemerewe ndetse n'akarusho dufata abanyamadepo bose tukabakoresha inama ndetse n'amahugurwa tugakomeza kubashishikariza ndetse no kubereka uburyo bagomba kubungabunga ubuziranenge bwacyo."

Ubuyobozi bw'uruganda CETRAF Ltd bwishimira ko serivisi z'ubuziranenge ziboneka ku gihe kandi zikaba zikomeje kubafasha gutera imbere. Abayobozi bahamya ko kwagura ibikorwa by'uruganda bikomeje gufasha abatwaga bo mu Karere ka Musanze ndetse n'ahandi kuko rutanga imirimo, abagiye barusabamo akazi ari ingaragu ubu bakaba barubatswe imiryango ndetse babasha no kwibonera aho kuba, bakishyurira abana amafaranga y'ishuri, bakishyurira imiryango ubwisungane mu kwivuzza, bagakora ibikorwa by'ubuhinzi n'ubwirizi kandi bagakora ibindi bikorwa bibateza imbere.



BENEFICIARIES CORNER

UBUHAMYA BWA CLAUDINE




Ntazemenshi Claudine , umukozi wa CETRAF

Nitwa Ntazemenshi Claudine, iyo ndi hano nkora akazi kose banyeretse. Natangiye gukora hano muri 2010, nibwo bwa mbere narinkoze mu ruganda. Twatangiye turi abakozi bake cyane ariko gukora mu ruganda byaramfashije cyane mu bantu ubuyobozi bwiza bwa Nyakubahwa Perezida wa Repubulika Paul Kagame bwakuye muri nyakatsi ndimo. Byanyuze muri CETRAF, nari umuntu uciriritse cyane, mba muri nyakatsi, nta kintu mfite, ndya bingoye, nambara bingoye ariko ngeze muri CETRAF baramfasha cyane. Byamfashije kwigisha abana ubu ni bakuru harimo n'abashyngiwe ariko babashije no kwiga amashuri.

Ubu ngeze ku rwego rwo kuba nabasha guhinga nkeza, kuko amafaranga nakoreye muri CETRAF naguzemo akarima, nabonye inzu ntabwo mba mu bukode. Na none, Leta y'ubumwe ibigiramo uruhare kuko dufite umutekano , CETRAF igakorera mu gihugu gifite umutekano nabyo byaramfashije cyane. Ubu naguze amatungo kubera amafaranga nkorera muri CETRAF, mfite ingurube zimpa ifumbire, kandi kuba ndi umupfakazi nkaba ngeze kuri ibyo byose, ndabishimira CETRAF kandi ndakomeje imihigo yo kwiteza imbere mu bushobozi nzajya nkura muri CETRAF.

Mbere sinajyaga numva icyo gukangurira abantu gushora imari bimaze. Ariko harakabaho ubuyobozi bwiza bw'igihugu cyacu buzana abashoramari maze umuturage akabasha kubona aho akorera akibeshaho kandi akanatera imbere.





**“Quality is everyone’s
responsibility...Quality
is a journey and not a
destination.”**


– MIKE FOWLER –



CONTACT US

 @rwandastandards  Rwanda Standards Board

 info@rsb.gov.rw  www.rsb.gov.rw

 +250 788 303 492 | 3250 (Toll-free)

